

AKARERE KA BUGESERA

IGIHE KIMARA: AMASAHA ABIRI (2HOO)

AMANOTA:/50

AMAZINA Y'UMUNYESHURI:

**IKIZAMINI CY'IKINYARWANDA CY'AKARERE GISOZA UMWAKA KANE IGIHEMBWE CYA
KABIRI 2023/2024**

AMABWIRIZA:

1. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye ku mapaji yose.
2. Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
 - Igice cya mbere: **Kumva no gusesengura umwandiko**: Ibibazo bitanu (5) ku manota 15.
 - Igice cya kabiri: **Ikibonezamvugo** : ibibazo bine (4) ku manota 10.
 - Igice cya gatatu: **Ubumenyi rusange bw'ururimi**: ibibazo bitanu (5) ku manota 15.
 - Igice cya kane: **Ihimbamwandiko** : ikibazo kimwe (1) ku manota 10.
3. Subiza ibibazo byose.
4. Subiriza mu mwanya wagenwe kuri buri kibazo.
5. Koresha gusa ikaramu y'ubururu cyangwa y'umukara.

ITUMANAHU

Itumanaho ni uburyo bwose bukoresheya kugira ngo abantu bahane amakuru muburyo bwihuse igihe icyo aricyo cyose n'aho ariho hose. Kugira ngo abantu bameye ibyabereye hirya no hino ku isi hose ,itumanaho ni ngombwa.Mu mirimo yoseabantu bakora ,bakenera itumanaho kugirango basabane cyangwa bagezanyeho amakuru.

Itumanaho rirakenerwa cyane mu kumenya ibyabereye hirya ni hino ku isi.Rifasha mugukora akazi ka buri munsu,mugukora ubucuruzi bwihuse umuntu atiriwe akora ingendo ndende rigira akamaro mugukora ubushakashatsi ,mu buvuzi mu buhinzi no mu mitangire ya serivise ,mu kwishyura ndetse no mugukora ibindi byinshi bitandukanye.

Mu itumanaho hifashishwa uburyo bwinshi butandukanye .Harimo kuba umuntu yatumaho mugenzi we undi muntu mu magambo.

Ashobora kandi ku mwandikira ibaruwa akayimwoherereza yifashishije iposita ,cyangwa akayihira undi muntu akayimushyira.Ashobora no kunyuzwa ubutumwa mugitangazamakuru cyandi ka cyangwa igikoresha amajwi n'amashusho nka radiyo na tereviziyo.

Mu riki gihe hiyongeraho ubundi buryo bukoresha ikorana buhanga nko gukoresha imirongo y'itumanaho rikoresha terefone cyangwa murandasi.Mu Rwanda,mu bucuruzi no mubusabane bwa buri munsu,hakunze gukoresheya terefone kuko usanga zifitwe n'umubare munini w'abanyarwanda.Mu rwego rwo kumenya amakuru no guhana ibitekerezo,radiyo natereviziyo birakoresheya cyane kuko bigera ku bantu benshi bitagoranye .Ibi bitangaza

makuru byose bigeza kubabikoresha amakuru ndetse n'amtangazo bigatuma abantu bamenya ibibera ikantarange.

Ibikoresho by'itumanaho bifasha mugutanga serivise zihuse ,bikagabanya n'itakara ry'amafaranga cyangwa umwanya Muri iki gihe itumanaho rikoresha ikorana buhanga nka terefoni yifashishwa mu kohereza amafaranga,mu kwishyura inyemeza buguzi ,mu kugura umuriro w'amashyanyarazi,mu kohereza amakuru ,mugutabaza inzego zishinzwe umutekano n'ibindi.

Itumanaho ni ikintu k'ingenzi mu buzima bwa buri munsu.Abantu nti bashobora kubaho badasabana,badahahirana,batagendererana, ngo basture umubano.

IGICE CYA MBERE: **KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO** (Amanota15)

1) Ni akahe kamaro k'itumanaho /Amanota2

.....
.....

2) Vuga uburyo bukoreshwa mu Rwanda mu itumanaho? /Amanota2

.....
.....

3) Ni zihe serivise ushobora kwaka cyangwa guhabwa ukoresheje itumanaho rikoresha ikorana. Buhanga?/Amanota2

.....
.....
.....

4) Ubona itumanaho ryihuse kandi rigera kubantu benshi ntangorane ryateza cyangwa ibibazo byumutekano muke ? Sobanura igisubizo cyawe /Amanota4

.....
.....
.....
.....

5) Sobanura amagambo akurikira ya koreshejwe mu mwandiko:

a) Iposita /Amanota2

.....

b) Inyemezabuguzi /Amanota3

.....
.....

IGICE CYA KABIRI : **IKIBONEZAMVUGO** (Amanota10)

6) Koresha indangahantu ikwiye mu nteruro zikurikira :

a) Kamana yiga.....Ntara y'Iburasirazuba./Amanota2

b) AgiyeNyamataKarere./Amanota2

7) Koreresha impakanyu(nta) munteruro zikurikira :

a) Munyeshuri ugomba gutsindwa /inota1

.....
.

b) Mugakinire mubusitani bw'ishuri kirazira /inota1

.....
.....

8) Amagambo aciyeho akarongo muriyi nteruro ikurikira ni bwoko ki?

a) Abanyeshuri bakunda umupira .

-Abanyeshuri /inota1

-Bakunda/inota1

-Umupira /inota1

9) Koresha igihekanze “**mpy**” munteruro

...../inota1

IGICE CYA GATATU :UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI(amanota15)

10) Tanga imbusane z'amagambo akurikira:

a) Umwangavu:.....

b) Ijoro

11) Tanga impuzanyito z'amagambo akurikira: /Amanota2

a) Gutabaruka

b)Umukambwe:.....

12) Huza amasano y'umuryango akurikira n'ibisobanuro byayo . /Amanota6

a)data wacu (i) se wa data.

b)Masenge (ii) murumuna cyagwa mukuru wa data.

c)Sogokuru (iii)mushiki wa papa.

13) ICA IBISAKUZO BIKURIKIRA

Sakwe sakwe !/ amanota3

a)nshinze umwe ndasakara

b)Nagutera icyo utazi utabonye

c)Zenguruka duhure

14) Tanga ingero ebyiri z'imigani migufi uzi. /amanota2

a)

b).....

IGICE CYA KANE : **IHIMBAMWANDIKO** (amanota10)

15) Andika umwandiko mugufi utarengeje imirongo cumi n'itanu uvuga kubyiza byo kudaha akato ababana na virusi y'agakoko gatera SIDA.

This image shows a full page of white paper with horizontal dotted lines. The lines are evenly spaced and run across the width of the page, providing a guide for handwriting practice. There are no margins, text, or other markings on the page.